REPUBULIKA Y'U RWANDA

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KW'UKUBOZA 2024

10 Mutarama 2025

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY’IHINDAGURIKA RY’IBICIRO MU KWEZI KW’UKUBOZA 2024

Ikigo cy’igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy’ihindagurika ry’ibiciro mu kwezi kw’Ukuboza 2024. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw’u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Mu kwezi kw’Ukuboza 2024, ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 6,8% ugereranyije n’Ukuboza 2023. Ibiciro mu kwezi kw’Ukuboza 2024 byari byiyongereyeho 5%.

Mu kwezi kw’Ukuboza 2024, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n’ibiciro by’ibiribwa n’ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 6%, ibiciro by’amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n’ibindi bicanwa byiyongereyeho 4,7% n’ibiciro by’ibijyanye n’ubwikorezi byiyongereyeho 17,9%.

Ugereranyije Ukuboza 2024 n’Ukuboza 2023, ibiciro by’ibintu bitarimo ibiribwa n’ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 5,8%.

Ugereranyije Ukuboza n’Ugushyingo 2024, ibiciro byagabanutseho 0,8%. Iri gabanuka ryatewe ahanini n’ibiciro by’ibiribwa n’ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 2,7%.

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kw’Ukuboza 2024, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 6,2% ugereranyije n’Ukuboza 2023. Ibiciro mu kwezi kw’Ugushyingo 2024 byari byiyongereyeho 2,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kw’Ukuboza 2024 ni ibiciro by’ibiribwa n’ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 5,6%, ibiciro by’ibinyobwa bisembuye n’itabi byiyongereyeho 7,5%, n’ibiciro by’amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n’ibindi bicanwa byiyongereyeho 4,7%.

Ugereranyije Ukuboza n’Ugushyingo 2024, ibiciro byagabanutseho 2,1%. Iri gabanuka ryatewe ahanini n’ibiciro by’ibiribwa n’ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 3,7%.

### C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kw’Ukuboza 2024, ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 6,4% ugereranyije n’Ukuboza 2023. Mu kwezi kw’Ugushyingo 2024 ibiciro byari byiyongereyeho 3,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kw’Ukuboza 2024, ni ibiciro by’ibiribwa n’ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 5,7%, ibiciro by’amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n’ibindi bicanwa byiyongereyeho 4,7% n’ibiciro by’ibijyanye n’ubwikorezi byiyongereyeho 18,8%.

Ugereranyije Ukuboza n’Ugushyingo 2024, ibiciro byagabanutseho 1,6%. Iri gabanuka ryatewe ahanini n’ibiciro by’ibiribwa n’ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 3,4%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y’ihindagurika ry’ibiciro mu Rwanda kuva m’ Ukuboza 2023 kugeza m’Ukuboza 2024.**

| Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize ndetse n'ukwezi kwakubanjirije | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | **2023** | **2024** | | | | | | | | | | | |
| | **12** | **01** | **02** | **03** | **04** | **05** | **06** | **07** | **08** | **09** | **10** | **11** | **12** |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku mwaka** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 6,4 | 5,0 | 4,9 | 4,2 | 4,5 | 5,8 | 5,0 | 4,9 | 5,0 | 2,5 | 3,8 | 5,0 | 6,8 |
| Mu byaro | 6,1 | 1,9 | 2,1 | -1,7 | -3,5 | -1,6 | -1,4 | -0,6 | -0,3 | -2,9 | -1,5 | 2,4 | 6,2 |
| Mu Rwanda | 6,2 | 3,1 | 3,2 | 0,6 | -0,5 | 1,3 | 1,1 | 1,5 | 1,7 | -0,8 | 0,5 | 3,4 | 6,4 |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku kwezi** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | -2,5 | -0,1 | 1,8 | 1,1 | 1,4 | 0,0 | -0,4 | -0,1 | 0,9 | 1,2 | 1,5 | 0,1 | -0,8 |
| Mu byaro | -5,6 | -1,4 | 3,3 | 0,5 | 0,1 | -1,6 | -0,8 | 0,9 | 1,7 | 1,6 | 2,5 | 1,4 | -2,1 |
| Mu Rwanda | -4,4 | -0,9 | 2,7 | 0,7 | 0,6 | -1,0 | -0,6 | 0,5 | 1,4 | 1,5 | 2,1 | 0,9 | -1,6 |
| *Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda* | | | | | | | | | | | | | |

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw